

**ITANGAZO**

**Guhamagarira ababyifuza kwitabira amahugurwa kuri gahunda z'ibanze mu kubungabunga ubuziranenge bw'ibiribwa n'ibinyobwa**

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) cyateguye amahugurwa ashingiye ku ibwiriza ry'ubuziranenge RS ISO/TS 22002-2:2013 rirebana na gahunda z'ibanze (*Prerequisite programmes*) mu kubungabunga ubuziranenge bw'ibiribwa n'ibinyobwa.

Izi gahunda zibanze zizigwaho muri ayo mahugurwa zireba abakora muri serivisi zo gutunganya ibiribwa n'ibinyobwa ndetse no kubigeza ku babikeneye (*catering*).

Abazitabira ayo mahugurwa bazahabwa ubumenyi bwimbitse buzabafasha kumenya neza ibisabwa n'iri bwiriza ry'ubuziranenge ryavuzwe haruguru, bityo bibafashe gushyiraho uburyo buboneye bwo gukumira ibyatuma ubuziranenge bw'ibiribwa n'ibinyobwa butagerwaho. Ayo mahugurwa kandi azanafasha mu mu iyubahirizwa ry'ibisabwa mu ngingo ya 8 y'ibwiriza ry'ubuziranenge RS ISO 22000:2018.

Ni muri urwo rwego RSB yateguye ndetse ikaba iboneyeho guhamagarira abafite aho bahuriye na serivisi zavuzwe haruguru babyifuza kwiyandikisha basaba kwitabira aya mahugurwa azamara iminsi itanu (5) ateganijwe gutangira kuwa **19 kugeza 23 Kanama 2024** akazabera kuri **Grand Legacy Hotel, Kigali**. Abifuza kuyitabira basabwe kuzaza ifishi yabugenewe bitarenze tariki ya **07 Kanama 2024**.

Uwifuza kwiyandikisha yakwifashisha umurongo ukurikira: <https://forms.gle/XHJ223JEZkGzt5Yh7>.  
Ibigo byifuza kwandikisha abakozi babyo bisabwe kuzuriza buri wese ifishi ye.

Ku byerekeranye n'ikiguzi cyo kwitabira aya mahugurwa ndetse n'ibindi bisobanuro mwahamagara **MUKABAYIZERE Denyse Joy** kuri telephone ngendanwa +250788212673 cyangwa mukamwandikira kuri email [dj.mukabayizere@rsb.gov.rw](mailto:dj.mukabayizere@rsb.gov.rw).

Bikorewe i Kigali ku wa 24/07/2024

  
  
**MURENZI Raymond**  
**Umuyobozi Mukuru**